

**Ibirimo/Summary/Sommaire**

**page/urup**

**A. Amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Instructions / Instructions du Premier Ministre**

**N° 004/03 yo kuwa 27/12/2013**

Amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe ashiraho ihuriro ry'abafatanya bikorwa mu iterambere rikanagenga inshingano, imiterere n'imikorere byaryo.....3

**N° 004/03 of 27/12/2013**

Prime Minister's Instructions establishing the joint action development forum and determining its responsibilities, organization and functioning .....3

**N° 004/03 du 27/12/2013**

Instructions du Premier Ministre portant création du Forum d'Action Conjointe pour Développement et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement .....3

**B. Amateka ya Minisitiri / Ministerial Orders / Arrêtés Ministériels**

**N° 003/07.01/13 ryo kuwa 27/12/2013**

Iteka rya Minisitiri rigena ibindi bihe indirimbo y'igihugu ishobora kuririmbwamo igitero cya mbere n'icya nyuma byonyine.....28

**N° 003/07.01/13 of 27/12/2013**

Ministerial Order determining other circumstances whereby only the first and the last verse of the national anthem are sung .....28

**N° 003/07.01/13 du 27/12/2013**

Arrêté Ministériel déterminant autres circonstances dans lesquelles seuls le premier et le dernier couplet de l'hymne national sont chantés.....28

**N° 004/07.01/13 ryo kuwa 19/12/2013**

Iteka rya Minisitiri rigena ingero z'Ibendera ry'Igihugu.....32

**N° 004/07.01/13 of 19/12/2013**

Ministerial Order determining the dimensions of the National Flag .....32

**N°004/07.01/13 du 19/12/2013**

Arrêté Ministériel portant dimensions du Drapeau National .....32

**N° 005/07.01/13 ryo kuwa 19/12/2013**

Iteka rya Minisitiri rigena amakuru ashobora guhungabanya umutekano w'Igihugu .....38

**N°005/07.01/13 of 19/12/2013**

Ministerial Order determining which information could destabilize national security .....38

**N° 005/07.01/13 du 19/12/2013**

Arrêté Ministériel déterminant le type d'informations pouvant porter atteinte à la sécurité nationale.....38

**N°006/07.01/13 ryo ku wa 19/12/2013**

Iteka rya Minisitiri rigena mu buryo burambuye amakuru ashobora gutangazwa.....59

**N°006/07.01/13 of 19/12/2013**

Ministerial Order determining in details the information to be disclosed.....59

**N° 006/07.01/13 du 19/12/2013**

Arrêté Ministériel déterminant en détails l'information á rendre publique.....59

**N° 007/07.01/13 ryo kuwa 27/12/2013**

Iteka rya Minisitiri rigena igihe ntarengwa cyo gutanga amakuru cyangwa gutanga ibisobanuro byo kutayatangira.....65

**N° 007/07.01/13 of 27/12/2013**

Ministerial Order determining the time limit for the provision of information or explanations of not providing it.....65

**N° 007/07.01/13 du 27/12/2013**

Arrêté Ministériel déterminant le délai prescrit pour donner une information ou pour fournir les explications de ne pas la donner.....65

**N° 008/07.01/13 ryo kuwa 19/12/2013**

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo amafaranga asabwa mu itangwa ry'amakuru.....71

**N° 008/07.01/13 of 19/12/2013**

Ministerial Order determining the procedure of charges of fees related to access to information .....71

**N° 008/07.01/13 du 19/12/2013**

Arrêté Ministériel déterminant la procédure de paiement des frais relative á l'accès á l'information.....71

**N° 009/07.01/13 ryo kuwa 19/12/2013**

Iteka rya minisitiri rigena inzego z'abikorera zirebwa n'Itegeko ryerekeye kubona amakuru.....76

**N° 009/07.01/13 of 19/12/2013**

Ministerial Order determining private organs to which the Law relating to access to information applies.....76

**N° 009/07.01/13 du 19/12/2013**

Arrêté Ministériel déterminant les organes privés auxquels la loi relative á l'accès á l'information est applicable.....76

ITEKA RYA MINISITIRI N°006/07.01/13  
RYO KU WA 19/12/2013 RIGENA MU  
BURYO BURAMBUYE AMAKURU  
ASHOBORA GUTANGAZWA

MINISTERIAL ORDER N°006/07.01/13  
OF 19/12/2013 DETERMINING IN DETAILS  
THE INFORMATION TO BE DISCLOSED

ARRETE MINISTERIEL N°006/07.01/13 DU  
19/12/2013 DETERMINANT EN DETAILS  
L'INFORMATION A RENDRE PUBLIQUE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

**Ingingo ya 2 : Itangaza ry'amakuru urwego rubyibwirije**

**Article 2: Proactive disclosure of information**

**Article 2: Fourniture proactive de l'information**

**Ingingo ya 3 : Amwe mu makuru atangwa n'urwego rubyibwirije**

**Article 3: Some information to be proactively disclosed by an organ**

**Article 3: Certaines informations devant être fournies de façon proactive par un organe**

**Ingingo ya 4 : Uburyo Urwego rw'Umuvunyi rushobora kugena andi makuru agomba gutangazwa**

**Article 4: Modalities that may be put in place by the Office of the Ombudsman for the provision of information**

**Article 4: Modalités pouvant être mise en place par l'Office de l'Ombudsman en vue de la fourniture de l'information**

**Ingingo ya 5 : Ivanwaho z'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 5: Repealing provision**

**Article 5: Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 6 : Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 6: Commencement**

**Article 6: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 006/07.01/13 RYO KUWA 19/12/2013 RIGENA MU BURYO BURAMBUYE AMAKURU ASHOBORA GUTANGAZWA**

**MINISTERIAL ORDER N° 006/07.01/13 OF 19/12/2013 DETERMINING IN DETAILS THE INFORMATION TO BE DISCLOSED**

**ARRETE MINISTERIEL N° 006/07.01/13 DU 19/12/2013 DETERMINANT EN DETAILS L'INFORMATION A RENDRE PUBLIQUE**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,**

**The Minister of Local Government,**

**Le Ministre de l'Administration Locale**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 33, iya 34, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 33, 34, 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 33, 34, 120, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 04/2013 ryo kuwa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 7;

Pursuant to Law n° 04/2013 of 08/02/2013 relating to access to information, especially in Article 7;

Vu la Loi n° 04/2013 du 08/02/2013 relative à l'accès à l'information, spécialement en son article 7;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 09/10/2013 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 09/10/2013;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 09/10/2013;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE :**

**Ingingo ya mbere : icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Iri teka rigena mu buryo burambuye amakuru ashobora gutangazwa.

This Order determines in details the information to be disclosed.

Le présent arrêté détermine en détails l'information à rendre publique.

**Ingingo ya 2: Itangaza ry'amakuru urwego rubyibwirije**

**Article 2: Proactive disclosure of information**

**Article 2: Fourniture proactive de l'information**

Mu gihe kitarenze amezi atandatu (6), iri teka ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, urwego rwa Leta n'urw'abikorera rushyira ahagaragara uburyo bwo gutanga amakuru.

Within a period not exceeding six (6) months following the publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, a public and a private organ shall publish procedures of providing information.

Dans un délai ne dépassant pas six (6) mois suivant la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda, un organe public et privé doit publier les procédures d'octroi de l'information.

**Ingingo ya 3: Amwe mu makuru atangwa n'urwego rubyibwirije**

Urwego rwa Leta n'urw'abikorera rurebwa n'itegeko ryerekeye kubona amakuru rushyira ahagaragara amakuru yerekeye ibi bikurikira:

- 1° imiterere y'urwego, imirimo n'inshingano zarwo;
- 2° ububasha n'inshingano by'abayobozi n'abakozi barwo;
- 3° uburyo inzego z'ubuyobozi zikurikiza mu gufata ibyemezo;
- 4° amategeko n'amabwiriza yose akoreshwa n'urwo rwego ajyanye n'ibyo rukorana n'abatwaga cyangwa n'abandi;
- 5° ibitabo n'amakuru yagizwe ibanga rubitse, rufite, rucunga cyangwa bikoreshwa n'abakozi barwo kugira ngo rurangize inshingano zarwo;
- 6° aderesi z'abakozi, kugira ngo bifashe ushaka kumenya amakuru aho ayasabira;
- 7° ibisobanuro by'imikorere yose yerekeye ubugishanama cyangwa uguhagararirwa kw'abatwaga mu byerekeye ishyirwaho

**Article 3: Some information to be proactively disclosed by an organ**

A public and a private organ under the Law relating to access to information shall proactively disclose information related to:

- 1° the particulars of its organization, functions and mission;
- 2° the powers and duties of its officers and employees;
- 3° the procedure followed managing organs in the decision making process;
- 4° any law and regulations used by the authority in respect of its relations with citizens or other persons;
- 5° books and information classified, it holds, it manages or those used by its staff for the purposes of their duties;
- 6° staff addresses to help people who may need it in the context of information retrieval where they can get them;
- 7° explanations of any proceeding in regard to the request of advice or representation of the citizens in the initiation of the policy

**Article 3: Certaines informations devant être fournies de façon proactive par un organe**

Un organe public et privé soumis à la loi relative à l'accès à l'information doit rendre publique systématiquement l'information relative:

- 1° à son organisation, ses fonctions et ses missions;
- 2° aux pouvoirs et attributions de ses dirigeants et employés;
- 3° à la procédure suivie par les organes de direction dans le processus de prise de décision;
- 4° à toute loi et règlement utilisés par l'autorité en ce qui concerne ses rapports avec les citoyens ou d'autres personnes;
- 5° aux livres et informations classifiées qu'il détient ou gère ou à ceux utilisées par son personnel aux fins de leurs fonctions;
- 6° aux adresses du personnel afin d'aider les gens qui peuvent en avoir besoin dans le cadre de la recherche d'information où ils peuvent s'en procurer;
- 7° aux explications de toute procédure en rapport avec la demande de conseils ou de représentation des citoyens dans l'initiation

*Official Gazette n° 02 of 13/01/2014*

- |  |  |   |
|--|--|---|
| rya politiki cyangwa ishyirwa mu bikorwa ryayo;  | or its implementation;   | de la politique ou de sa mise en œuvre;   |
| 8° ingengo y'imari yagenewe buri shami ry'urwego igaragaza igenamigambi na raporo zerekana uburyo amafaranga yakoreshejwe;   | 8° the budget allocated to each department of the organ, indicating the planning and reports on disbursements made;  | 8° au budget alloué à chacun des départements d'un organe indiquant la planification et les rapports sur les décaissements effectués;   |
| 9° uburyo gahunda z'imfashanyo zashyizwe mu bikorwa harimo n'umubare w'amafaranga yatanzwe hamwe n'ibisobanuro byerekeye abagenerwabikorwa b'izo gahunda;  | 9° the modalities of execution of subsidy programmes, including the amounts allocated and the details of beneficiaries of such programmes;                               | 9° aux modalités d'exécution des programmes de subventions, y compris les montants alloués et les détails des bénéficiaires de ces programmes;  |
| 10° ibisobanuro ku bikingi, impushya n'uburenganzira byatanzwe n'urwego;   | 10° particulars of concessions, permits or authorizations granted by the organ;  | 10° aux détails des concessions, des permis ou d'autorisations accordées par l'organe;  |
| 11° ibisobanuro by'ibyangombwa bihari byorohereza abaturage kubona amakuru, harimo amasaha y'akazi y'inzu z'ibitabo bitizwa cyangwa ibyumba by'isomero, niba byaragenewe gukoreshwa n'abaturage; | 11° the particulars of facilities available to citizens for obtaining information, including the working hours of a library or reading room, if provided for public use; | 11° aux mentions d'installations disponibles pour les citoyens d'obtenir des informations, y compris les heures de travail d'une bibliothèque ou d'une salle de lecture, si elle est prévue pour un usage public; |
| 12° amazina, urwego rw'umurimo, aderesi n'ibindi bisobanuro by'ushinzwe gutanga amakuru n'umukuriye mu kazi;   | 12° the names, job category, addresses and other information of its public information officer and his/her immediate supervisor;   | 12° aux noms, catégorie d'emploi, adresses et toutes autres informations sur son agent d'information et son supérieur hiérarchique;   |
| 13° amasezerano urwo rwego rufitanye n'abandi bantu kandi akaba afitanye isano n'inyungu rusange, uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu.   | 13° the contract between the organ and other people and in connection with public interest, human rights and freedoms.   | 13° au contrat liant l'organe avec d'autres personnes et en rapport avec l'intérêt général, les droits et les libertés de la personne.  |

*Official Gazette n° 02 of 13/01/2014*

Urwego rwose rwa Leta cyangwa urw'abikorera rufata ibyemezo hakurikijwe ibisabwa n'iyi ngingo kugira ngo abaturatione bahabwe amakuru kandi ya buri gihe mu bitangazamakuru binyuranye cyangwa kuri interineti.

**Ingingo ya 4: Uburyo Urwego rw'Umuvunyi rushobora kugena andi makuru agomba gutangazwa**

Bitabangamiye ibiteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda n'andi mategeko, igihe bigaragaye ko ari ngombwa, urwego rw'Umuvunyi rushobora kugena andi makuru ashobora gutangazwa n'Urwego rwa Leta cyangwa urw'abikorera.

**Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 6: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 19/12/2013

Each public or private organ shall put in place mechanisms in regard to the provisions of this Article to ensure that citizens have easy access to information through different media channels and the Internet.

**Article 4: Modalities that may be put in place by the Office of the Ombudsman for the provision of information**

Without prejudice to the provisions of the Constitution of the Republic of Rwanda and other Laws, whenever deemed necessary, the Office of the Ombudsman shall provide for the information to be disclosed by a public and a private organ.

**Article 5: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 6: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 19/12/2013

Chaque organe public ou privé doit adopter les mesures en rapport avec les dispositions du présent article pour que les citoyens aient l'accès facile à l'information par différents moyens médiatiques et d'internet.

**Article 4: Modalités pouvant être mise en place par l'Office de l'Ombudsman en vue de la fourniture de l'information**

Sans préjudice des dispositions de la Constitution de la République du Rwanda et d'autres lois, et chaque fois que de besoin, l'Office de l'Ombudsman peut prévoir les informations à rendre publique par un organe public et privé.

**Article 5: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 6: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 19/12/2013

*Official Gazette n° 02 of 13/01/2014*

(sé)  
**MUSONI James**  
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

(sé)  
**MUSONI James**  
Minister of Local Government

(sé)  
**MUSONI James**  
Ministre de l'Administration Locale

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux